



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
Bis yo ku wa 05/04/2023

Year 62
Official Gazette n° Special Bis of
05/04/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial Bis du
05/04/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel

Iteka rya Perezida n° 022/01 ryo ku wa 31/03/2023 rigena uburyo bwo gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange	2
Presidential Order n° 022/01 of 31/03/2023 determining modalities for the execution of the penalty of community service	2
Arrêté Présidentiel n° 022/01 du 31/03/2023 déterminant les modalités d'exécution de la peine de travaux d'intérêt général	2

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 022/01 RYO KU WA 31/03/2023 RIGENA UBURYO BWO GUKORA IGIHANO CY'IMIRIMO Y'INYUNGU RUSANGE</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Ikorwa ry'urutonde rw'abakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Igenwa ry'imirimo ikorwa</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Gusaba gukoresha abakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ingando zakira abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Impamvu zo guhagarika by'agateganyo gukora igihano</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Guhitamo aho umuntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange agikorera</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibishingirwaho mu gushyira</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 022/01 OF 31/03/2023 DETERMINING MODALITIES FOR THE EXECUTION OF THE PENALTY OF COMMUNITY SERVICE</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p><u>Article 2:</u> Making a list of persons sentenced to the penalty of community service</p> <p><u>Article 3:</u> Determination of works</p> <p><u>Article 4:</u> Request for employing persons sentenced to the penalty of community service</p> <p><u>Article 5:</u> Camps for persons sentenced to the penalty of community service</p> <p><u>Article 6:</u> Reasons for suspension of the execution of the penalty</p> <p><u>Article 7:</u> Selecting the place of the execution of the penalty of community service</p> <p><u>Article 8:</u> Criteria for placement of persons</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 022/01 DU 31/03/2023 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'EXÉCUTION DE LA PEINE DE TRAVAUX D'INTÉRÊT GÉNÉRAL</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté</p> <p><u>Article 2 :</u> Établissement d'une liste des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</p> <p><u>Article 3 :</u> Détermination des travaux</p> <p><u>Article 4 :</u> Demande d'employer des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</p> <p><u>Article 5 :</u> Camps pour des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</p> <p><u>Article 6 :</u> Motifs de suspension de l'exécution de la peine</p> <p><u>Article 7 :</u> Choix de l'endroit d'exécution de la peine de travaux d'intérêt général</p> <p><u>Article 8 :</u> Critères de placement des</p>
--	--	---

<p>mu mirimo abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p>	<p>sentenced to the penalty of community service</p>	<p>personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Kugaburira no kwita ku bantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange bari mu ngando</p>	<p><u>Article 9:</u> Feeding and taking care of the persons sentenced to the penalty of community service in a camp</p>	<p><u>Article 9 :</u> Nourrir et prendre soin des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général placées dans un camp</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Uburenganzira mu gihe cyo gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p>	<p><u>Article 10:</u> Rights in the course of serving the penalty of community service</p>	<p><u>Article 10 :</u> Droits au cours de purger la peine de travaux d'intérêt général</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Iminsi y'akazi ku muntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p>	<p><u>Article 11:</u> Working days for a person sentenced to the penalty of community service</p>	<p><u>Article 11 :</u> Jours ouvrables pour une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Guhindura aho umuntu abarizwa</p>	<p><u>Article 12:</u> Change of residence</p>	<p><u>Article 12 :</u> Changement de résidence</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Amafaranga avuye mu kurangiza igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p>	<p><u>Article 13:</u> Funds obtained from the execution of the penalty of community service</p>	<p><u>Article 13 :</u> Fonds provenant de l'exécution de la peine de travaux d'intérêt général</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'iri teka</p>	<p><u>Article 14:</u> Enforcement of matters covered by this Order</p>	<p><u>Article 14 :</u> Application des matières prévues par le présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 15:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 15 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 16:</u> Ingingo y'ururimi</p>	<p><u>Article 16:</u> Language provision</p>	<p><u>Article 16 :</u> Disposition linguistique</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 17:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 17 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 022/01 RYO KU WA 31/03/2023 RIGENA UBURYO BWO GUKORA IGIHANO CY'IMIRIMO Y'INYUNGU RUSANGE</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repbulika;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122, n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange cyane cyane ku ngingo ya 35;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha cyane cyane mu ngingo yaryo ya 225;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/11/2019 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>DUTEGETSE:</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 022/01 OF 31/03/2023 DETERMINING MODALITIES FOR THE EXECUTION OF THE PENALTY OF COMMUNITY SERVICE</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n°68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general, especially in Article 35;</p> <p>Pursuant to Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure, especially in Article 225;</p> <p>On proposal by the Minister of Justice and Attorney General;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/11/2019;</p> <p>DO ORDER:</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 022/01 DU 31/03/2023 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'EXÉCUTION DE LA PEINE DE TRAVAUX D'INTÉRÊT GÉNÉRAL</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n°68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général, spécialement en son article 35 ;</p> <p>Vu la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale spécialement en son article 225 ;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Justice et Garde des Sceaux ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 28/11/2019 ;</p> <p>ARRÊTONS :</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena uburyo bwo gukora igihano cy'imirimu y'inyungu rusange ku bantu bakatiwe icyo gihano n'urukiko.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Ikorwa ry'urutonde rw'abakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange</u></p> <p>(1) Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Igorora « RCS » rukora urutonde rw'abantu bakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange rukarushyikiriza Akarere babarizwamo.</p> <p>(2) Akarere kamenyeshya umuntu wakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange itariki agomba kwitabiraho RCS kugira ngo ahabwe imirimu agomba gukora.</p> <p>(3) Iyo umuntu wakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange mu rubanza rwabayeye itegeko atabonetse mu gihe cy'iminsi 30 ibarwa uherye ku itariki yagombaga kwitabiraho, RCS ishyikiriza umwirondoro we Polisi y'u Rwanda kugira ngo imushakishe.</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines modalities of execution of the penalty of community service by persons sentenced to that penalty by a court.</p> <p><u>Article 2: Making a list of persons sentenced to the penalty of community service</u></p> <p>(1) Rwanda Correctional Service "RCS" makes a list of persons sentenced to the penalty of community service and submits it to the District where they reside.</p> <p>(2) The District notifies the person sentenced to the penalty of community service the date on which he or she must report to RCS in order to be assigned works.</p> <p>(3) If a person definitively sentenced to the penalty of community service is not found within 30 days from the date on which he or she should report, RCS submits his or her identification to the Rwanda National Police for tracking.</p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les modalités d'exécution de la peine de travaux d'intérêt général par des personnes condamnées à cette peine par une juridiction.</p> <p><u>Article 2 : Établissement d'une liste des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</u></p> <p>(1) Le Service Correctionnel du Rwanda «RCS » établit une liste des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général et la transmet au District où elles résident.</p> <p>(2) Le District informe la personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général de la date à laquelle elle doit se présenter au RCS pour se voir assigner des travaux.</p> <p>(3) Lorsqu'une personne définitivement condamnée à la peine de travaux d'intérêt général n'est pas retrouvée endéans 30 jours à compter de la date à laquelle elle devait se présenter, le RCS transmet son identification à la Police Nationale du Rwanda pour recherche.</p>
---	---	--

<p>(4) Iyo urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rubonye umuntu wakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange mu rubanza rwabaye itegeko ushakishwa, ruhita rumushyikiriza ibiro bya polisi biri hafi.</p> <p>(5) Iyo umuntu wakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange ushakishwa abonetse, Polisi y'u Rwanda imushyikiriza RCS.</p>	<p>(4) When a decentralised administrative entity finds a person definitively sentenced to the penalty of community service being tracked, it immediately refers him or her to the nearest police office.</p> <p>(5) When a person sentenced to the penalty of community service under tracking procedure is found, the Rwanda National Police refers him or her to RCS.</p>	<p>(4) Lorsqu'une entité administrative décentralisée trouve une personne définitivement condamnée à la peine de travaux d'intérêt général qui fait objet de recherche, elle la défère immédiatement au bureau de police le plus proche.</p> <p>(5) Lorsqu'une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général faisant objet de recherche est retrouvée, la Police Nationale du Rwanda la défère au RCS.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Igenwa ry'imirimu ikorwa</u></p> <p>Ubuyobozi bw'Akarere igihano cy'imirimu y'inyungu rusange kirangirizwamo bukora urutonde rw'imirimu ikorwa mu gihe cyo kurangiza igihano cy'imirimu y'inyungu rusange, bukarushyikiriza ubuyobozi bwa RCS. Ubuyobozi bw'Akarere bushobora kuvugurura urwo rutonde igihe cyose bibaye ngombwa bukarushyikiriza ubuyobozi bwa RCS.</p>	<p><u>Article 3: Determination of works</u></p> <p>The District authority in which the penalty of community service is to be executed establishes a list of works to be carried out during execution of the penalty of community service and submit it to the management of RCS. The District authority may review the list when considered necessary and submit it to the management of RCS.</p>	<p><u>Article 3 : Détermination des travaux</u></p> <p>L'autorité de District dans lequel l'exécution de la peine de travaux d'intérêt général doit avoir lieu établit une liste des travaux à effectuer lors de l'exécution de la peine de travaux d'intérêt général et la transmet à la direction du RCS. L'autorité de District peut revoir la liste chaque fois que de besoin et la transmet à la direction du RCS.</p>
<p><u>Ingingo ya 4: Gusaba gukoresha abakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange</u></p> <p>(1) Inzego za Leta, ibigo bya Leta, sosiyete sivile cyangwa abikorera bashaka gukoresha abakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange babisaba</p>	<p><u>Article 4: Request for employing persons sentenced to the penalty of community service</u></p> <p>(1) Public organs, public institutions, civil society or members of the private sector who need to employ persons sentenced to the penalty of community service</p>	<p><u>Article 4 : Demande d'employer des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</u></p> <p>(1) Des organes publics, des établissements publics, la société civile ou des membres du secteur privé qui désirent employer des personnes condamnées à la peine de</p>

<p>RCS mu nyandiko.</p> <p>(2) Urwego ruhawe uruhushya rwo gukoresha abakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange rugirana amasezerano na Komiseri Mukuru wa RCS cyangwa umuhagarariye.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ingando zakira abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</u></p> <p>RCS, ifatanyije n'Akarere bireba, igena ahantu hashyirwa ingando z'abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu gihe isanze ari bwo buryo bukwiriye gukoreshwa.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Impamvu zo guhagarika by'agateganyo gukora igihano</u></p> <p>(1) RCS ishobora kwemerera umuntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange guhagarika kugikora by'agateganyo iyo –</p> <p>(a) agize ubumuga bw'umubiri;</p> <p>(b) agize ubumuga bwo mu mutwe;</p>	<p>apply to RCS in writing.</p> <p>(2) An organisation which receives the authorisation to employ the persons sentenced to the penalty of community service signs a contract with the Commissioner General of RCS or his or her delegate.</p> <p><u>Article 5: Camps for persons sentenced to the penalty of community service</u></p> <p>The RCS, in collaboration with the concerned District, determines the places to host camps for persons sentenced to the penalty of community service when it finds that it is the appropriate way to use.</p> <p><u>Article 6: Reasons for suspension of the execution of the penalty</u></p> <p>(1) RCS may grant a person sentenced to the penalty of community service to suspend the execution of the penalty if –</p> <p>(a) he or she has physical disability;</p> <p>(b) he or she has mental disability;</p>	<p>travaux d'intérêt général en font la demande écrite au RCS.</p> <p>(2) Une organisation qui reçoit l'autorisation d'employer des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général signe un contrat avec le Commissaire Général du RCS ou son délégué.</p> <p><u>Article 5 : Camps pour des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</u></p> <p>Le RCS, en collaboration avec le District concerné, détermine les endroits des camps d'accueil des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général lorsqu'il estime que c'est la manière appropriée à utiliser.</p> <p><u>Article 6 : Motifs de suspension de l'exécution de la peine</u></p> <p>(1) RCS peut accorder à une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général la suspension de l'exécution de la peine lorsque –</p> <p>(a) elle a la déficience physique ;</p> <p>(b) elle a la déficience mentale ;</p>
---	--	--

<p>(c) agize uburwayi budashobora kubangikanywa no gukora igihano cy'imirimu y'inyungu rusange; cyangwa</p> <p>(d) atwite kandi gukora icyo gihano byabangamira ubuzima bwe cyangwa ubw'umwana atwite.</p> <p>(2) Ukora igihano cy'imirimu y'inyungu rusange usaba guhagarika by'agateganyo gukora icyo igihano, ashakiriza ubuyobozi bwa RCS ubusabe bwe buri kumwe n'icyemezo cy'umuganga wemewe na Leta cy'impamvu zivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Guhitamo aho umuntu wakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange agikorera</u></p> <p>(1) RCS ihitamo aho umuntu wakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange agikorera, hitawe ku bushobozi bwe, bwaba ubw'umubiri cyangwa ubw'ubumenyi. Umuntu ukora igihano cy'imirimu y'inyungu rusange ashobora kugikora ataha iwe cyangwa aba mu ngando.</p>	<p>(c) he or she has a disease that is incompatible with the execution of the penalty of community service; or</p> <p>(d) she is pregnant and the execution of that penalty may cause the risk on her health or on the foetus health.</p> <p>(2) A person serving the penalty of community service who requests a suspension of executing that sentence, submits to the management of RCS an application with a certificate from a recognised medical doctor confirming reasons referred to in Paragraph (1) of this Article.</p> <p><u>Article 7: Selecting the place of the execution of the penalty of community service</u></p> <p>(1) RCS selects the place where a person sentenced to the penalty of community service serves his or her penalty, depending on his or her capacity, either intellectual or physical. A person sentenced to the penalty of community service may serve it living at his or her home or in camps.</p>	<p>(c) elle a une maladie incompatible avec l'exécution de la peine de travaux d'intérêt général ; ou</p> <p>(d) elle est enceinte et que l'exécution de cette peine peut mettre en danger sa santé ou la santé du fœtus.</p> <p>(2) La personne exécutant la peine de travaux d'intérêt général qui demande une suspension d'exécution de cette peine, en fait, auprès de la direction du RCS, la demande avec un certificat d'un médecin agréé confirmant les motifs visés à l'alinéa (1) du présent article.</p> <p><u>Article 7 : Choix de l'endroit d'exécution de la peine de travaux d'intérêt général</u></p> <p>(1) Le RCS choisit l'endroit où une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général purge sa peine, en fonction de sa capacité physique ou intellectuelle. Une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général peut purger sa peine tout en rentrant chez lui ou dans des camps.</p>
--	---	--

<p>(2) Imirimo ihabwa uwahanishijwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ntigomba kuba ifitanye isano n'uwo yakoreye icyaha.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ibishingirwaho mu gushyira mu mirimo abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</u></p> <p>Gushyira mu mirimo abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu nzego zabisabye zivugwa mu ngingo ya 4 y'iri teka, bikorwa hashingiwe kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) imirimo igiye gukorwa igomba kuba iri mu nyungu rusange kandi igendanye na gahunda za Leta;</p> <p>(b) ubushobozi bw'umuntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, bwaba ubw'umubiri cyangwa ubw'ubumenyi;</p> <p>(c) ubushobozi urwego rusaba abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange rugaragaza mu gutegura igikorwa giteganyijwe, kugukurikirana, gusesengura umusaruro uzakivamo, kukirangiza</p>	<p>(2) Works given to a person sentenced to the penalty of community service must not be connected to the victim of the offence.</p> <p><u>Article 8: Criteria for placement of persons sentenced to the penalty of community service</u></p> <p>Placement of persons sentenced to the penalty of community service in the requesting organisations referred to in Article 4 of this Order, is done on the following criteria:</p> <p>(a) works to be performed must be in harmony with public interest and in line with the Government programmes;</p> <p>(b) capacity of a person sentenced to the penalty of community service, either intellectual or physical;</p> <p>(c) capacity of the organisation requesting persons sentenced to the penalty of community service in preparing the projected activity, monitoring it, assessing its productivity, meeting its deadline, and</p>	<p>(2) Les travaux confiés à une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général ne doivent pas être liés à la victime de l'infraction.</p> <p><u>Article 8 : Critères de placement des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général</u></p> <p>Le placement des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général dans les organisations demanderessees visées à l'article 4 du présent arrêté, tient compte des critères suivants :</p> <p>(a) les travaux à exécuter doivent être en harmonie avec l'intérêt général et compatibles avec les programmes du Gouvernement ;</p> <p>(b) la capacité de la personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général, soit physique ou intellectuelle ;</p> <p>(c) la capacité de l'organisation demanderesse des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général dans la préparation de l'activité projetée, le suivi, l'évaluation de sa productivité, le</p>
--	---	---

<p>mu gihe cyagenwe no kwita ku bantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ku buryo bakirangiza bahinduye imyitwarire yabo.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Kugaburira no kwita ku bantu bakatiwe kurangiza igihano cy'imirimo y'inyungu rusange bari mu ngando</u></p> <p>(1) Abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange bari mu ngando bacumbikirwa kandi bakagaburirwa na RCS. Ibyo bakenera by'ibanze bikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>(a) amafunguro;</p> <p>(b) kuvuzwa;</p> <p>(c) impuzankano;</p> <p>(d) amasomo y'uburere mboneragihugu;</p> <p>(e) amafaranga y'urugendo igihe barangije igihano.</p> <p>(2) Icyakora, iyo abantu bakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange barangiriza igihano mu nzego zivugwa</p>	<p>monitoring the change of behavior of persons sentenced to the penalty of community service at the end of the execution of the penalty.</p> <p><u>Article 9: Feeding and taking care of the persons sentenced to the penalty of community service in a camp</u></p> <p>(1) The persons sentenced to the penalty of community service in the camps are sheltered and fed by RCS. Their fundamental needs comprise of the following:</p> <p>(a) food;</p> <p>(b) medical care;</p> <p>(c) uniform;</p> <p>(d) civic education courses;</p> <p>(e) transport fee after serving the penalty.</p> <p>(2) However, if the persons sentenced to the penalty of community service serve it into organisations referred to in Article 4 of</p>	<p>respect de la durée prévue et le suivi du changement de comportement des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général à l'issue de l'exécution de la peine.</p> <p><u>Article 9 : Nourrir et prendre soin des personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général placées dans un camp</u></p> <p>(1) Les personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général placées dans des camps sont logées et nourries par le RCS. Leurs besoins essentiels comprennent ce qui suit :</p> <p>(a) la nourriture ;</p> <p>(b) les soins médicaux ;</p> <p>(c) l'uniforme ;</p> <p>(d) les cours d'éducation civique;</p> <p>(e) les frais de transport après avoir purgé la peine.</p> <p>(2) Toutefois, lorsque les personnes condamnées à la peine de travaux d'intérêt général purgent cette peine</p>
--	--	---

<p>mu ngingo ya 4 y'iri teka, bagenerwa ibyateganyijwe mu masezerano.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Uburenganzira mu gihe cyo gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p> <p>Umurimo wose ukorwa mu gihe cyo kurangiza igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ukorwa hubahirijwe uburenganzira buteganywa n'amategeko n'amabwiriza yerekeranye n'ubuzima, imirimo ikorwa mu ijoro, isuku, umutekano ku kazi n'andi mategeko agenga ubuzima bw'abakozi mu bigo n'agenga imirimo y'abagore n'abana.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Iminsi y'akazi ku muntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</p> <p>(1) Umuntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange akora iminsi itanu mu cyumweru iyo akorera igihano mu ngando, n'iminsi itatu mu cyumweru iyo akora igihano ataha.</p> <p>(2) Umubyizi w'umuntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange uhwanyeye n'amasaha atanu ku munsu.</p>	<p>this Order, they receive benefits that are provided for by the contract.</p> <p><u>Article 10:</u> Rights in the course of serving the penalty of community service</p> <p>Any work done in the course of serving the penalty of community service is executed in respect of rights provided for by laws and regulations regarding health, work during the night, cleanness, safety at work place and other laws regulating health of employees in institutions and those governing works for women and children.</p> <p><u>Article 11:</u> Working days for a person sentenced to the penalty of community service</p> <p>(1) A person sentenced to the penalty of a community service works for five days a week if he or she serves the penalty in camp, and three days a week if he or she serves the penalty living at his or her home.</p> <p>(2) The daily work of the person sentenced to the penalty of community service is five hours a day.</p>	<p>dans des organisations visées à l'article 4 du présent arrêté, elles bénéficient des avantages prévus dans le contrat.</p> <p><u>Article 10 :</u> Droits au cours de purger la peine de travaux d'intérêt général</p> <p>Tout travail exécuté au cours de purger la peine de travaux d'intérêt général se fait en respect des droits prévus par les lois et règlements relatifs à la santé, aux travaux de nuit, à l'hygiène, à la sécurité au travail et à d'autres lois réglementant la santé des employés dans les institutions et à celles régissant le travail des femmes et des enfants.</p> <p><u>Article 11 :</u> Jours ouvrables pour une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général</p> <p>(1) Une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général travaille cinq jours par semaine si elle exécute la peine dans un camp, et trois jours par semaine si elle exécute la peine en rentrant chez elle.</p> <p>(2) Le travail journalier de la personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général est de cinq heures par jour.</p>
--	--	--

<p>(3) icyakora, bitewe n'imiterere yihariye y'akazi kagomba gukorwa, umubyizi w'umuntu wakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ushobora kugenwa hagendewe ku gihe kigenwa n'ubuyobozi bw'Akarere bireba, bumaze kugisha inama RCS.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Guhindura aho umuntu abarizwa</u></p> <p>(1) Umuntu ukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ushaka guhindura aho abarizwa amenyesha Akarere ko ashaka kwimuka.</p> <p>(2) Akarere kamenyesha RCS amakuru yerekeranye no kwimuka k'umuntu ukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Amafaranga avuye mu kurangiza igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</u></p> <p>Amafaranga avuye mu kurangiza igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ashirwa mu Isanduku ya Leta.</p>	<p>(3) However, depending on the particular nature of the work to be performed, the daily work of a person sentenced to the penalty of community service may be determined according to a time fixed by the concerned District authority after consultations with RCS.</p> <p><u>Article 12: Change of residence</u></p> <p>(1) A person who executes the penalty of community service who wishes to change his or her residence informs the District that he or she wishes to relocate.</p> <p>(2) The District notifies RCS of the information regarding the relocation of a person who executes the penalty of community service change of residence.</p> <p><u>Article 13: Funds obtained from the execution of the penalty of community service</u></p> <p>Funds obtained from the execution of the penalty of community service are deposited into the Public Treasury.</p>	<p>(3) Toutefois, sur base de la nature particulière du travail à accomplir, le travail journalier d'une personne condamnée à la peine de travaux d'intérêt général peut être déterminé selon le temps fixé par l'autorité du District concerné, après avis du RCS.</p> <p><u>Article 12 : Changement de résidence</u></p> <p>(1) Une personne qui exécute la peine de travaux d'intérêt général qui désire changer sa résidence informe le District qu'elle désire déménager.</p> <p>(2) Le District notifie au RCS les informations concernant le déménagement d'une personne qui exécute la peine de travaux d'intérêt général.</p> <p><u>Article 13 : Fonds provenant de l'exécution de la peine de travaux d'intérêt général</u></p> <p>Les fonds provenant de l'exécution de la peine de travaux d'intérêt général sont versés au Trésor Public.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 14:</u> Iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'iri teka</p> <p>RCS ishyiraho amabwiriza yerekeranye n'iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'iri teka, igihe bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Ingingo y'ururimi</p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Gutangira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 27/09/2018.</p>	<p><u>Article 14:</u> Enforcement of matters covered by this Order</p> <p>RCS issues instructions related to the enforcement of matters covered by this Order, where necessary.</p> <p><u>Article 15:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p>The Prime Minister, the Minister of Justice and Attorney General, the Minister of Local Government and the Minister of Interior are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 16:</u> Language provision</p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 17:</u> Entry into force</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 27/09/2018.</p>	<p><u>Article 14 :</u> Application des matières prévues par le présent arrêté</p> <p>Le RCS émet des instructions relatives à l'application des matières prévues par le présent arrêté, le cas échéant.</p> <p><u>Article 15 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux, le Ministre de l'Administration Locale et le Ministre de l'Intérieur sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 16 :</u> Disposition linguistique</p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 17 :</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 27/09/2018.</p>
---	--	--

Kigali, 31/03/2023

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux